Ariko wenda ibi turi buze kubisubiramo, ndetse mu kanya ndi buze kuba ndi kumwe n'umuntu na we ukunda kuza kuri Radiyo RTLM akageza ku Banyarwanda bose ibitekerezo byiza muzi kandi byagiye binagaragara cyane cyane mu nyandiko ze, ni umunyamakuru witwa NGEZE Hasani, akaba yaragiye asohora byinshi mu kinyamakuru cye cyitwa Kangura.

Aha ndetse nagira ngo mbibutse... mbabwire ko hari igihe ndetse Radiyo, iriya ngirwa Radiyo nyine y'Inyenzi-Inkotanyi yigeze kwandika, kuvuga ngo ko NGEZE Hasani ngo yasohoye ikinyamakuru, icyo kinyamakuru kikaba ndetse yaravugagamo... ibi na byo turi buze kubigeraho

ariko ni ukugira ngo mwumve neza ko amayeri y'Inkotanyi, y'Inyenzi-Inkotanyi ari menshi, ashaka byanze bikunze gusubiranishamo, gusubiranishamo Abahutu kugira ngo nibamara gusubiranamo ishobore kuba yafata ubutegetsu.

Irakoresha amayeri menshi rero kuvuga ngo kanaka ni uwacu adukorera neza, ni uriya ni we rwose yadukoreye neza, noneho undi aho ari akumva ubwoba buramwishe, n'abandi aho bari bati turiho koko turabana n'Inkotanyi. Ugasanga wa wundi arahunze cyangwa akoze ikindi kintu na ba bandi bati... bakamuhiga. Ugasanga bari kumuhiga, icyo kintu ugasanga mu by'ukuri na cyo gikwiye kugira ngo kivugweho Abanyarwanda, Abahutu benshi tubibone. Kuko bashobora no kuvuga bati uriya ni mwiza, ni iki, kandi ari we udufitiye akamaro kugira ngo akunde ahite. Ibyo rwose tujye tubimenya. 07min00sec

Ni byo nababwiye na none ko hari abantu nyine babona ibintu byabaye bakagira ngo bagambanire abandi, ugasanga ibyitso biba bishobora kuba byaracitse ku icumu ee... bikaba biriho mbese bibagurira, bavuga bati runaka, runaka, kubera ko babona ko runaka ari we washoboye guhashya Inyenzi-Inkotanyi noneho kugira ngo uwo muntu afatwe.

Ubwo cyakora hari ibindi nari mfite byo kubagezaho nimbona ngifite akanya, nababwiraga ibyerekeranye n'uwahoze ari Préfet wa Butare, ndibuze kuba... kubibagezaho nimbona hakiri akanya, ndetse hakaba n'abandi ba... bariya ba rusahurira mu nduru, turi buze kureba nyine ari n'ibyo byose turi buze kuvuga.

Cyakora muri aka kanya nagira ngo babe badushyiriyeho umuziki, mu kandi kanya turi buze kuba turi kumwe na NGEZE Hasani (fond sonore) tubagezeho ikiganiro e... twabateguriye. ♪

- ... na NGEZE Hasani. NGEZE Hasani nagusaba ko wakwibwira abatwumva.

Orateur : NGEZE Hassan, directeur du journal Kangura.

- Yee... mu by'ukuri abatwumva ndakeka ko abenshi banzi kuko ndi NGEZE Hasani, nkaba ndi

Umuyobozi w'ikinyamakuru Kangura, nkaba ndi umwe mu bashinze ishyamba CDR ryaje risaba ubwiyunge bw'Abahutu, ndetse nkaba ndi no muri Komite nyobozi y'iryo shyamba. Ndumva ibyo bihagije.

Orateur : BEMELIKI Valérie, journaliste de la RTL.

- Yee... ubwo rero urakoze Bwana NGEZE. Ee... Bwana ngeze Hasani rero ubu mu nzego z'ubutegetsi haravugwa inzandiko zawe wanditse, uvuga imitego ya FPR ubu irimo ikoresha mu guteranya Abahutu. Ndetse wanagize n'icyo ubivugaho mu magambo make. Ubu twagira ngo wongere ugire ugire inama abakurikirana iyo mitego kugira ngo hatazagira uzongera kuyigwamo. (Un bref silence) 09min02sec

... izo messages FPR yohereza maze zigafatwa n'ibyuma by'ingabo z'u Rwanda zabitangiye ryari nk'uko ubivuga muri izo nyandiko zawe?

- Yee... mu by'ukuri koko ubu mu nzego z'ubutegetsi zo... hafi ya zose z'igihugu, uhereye kwa Président wa Repubulika ukagera hafi ku ba Bourgmestres, hari inzandiko nabagejejeho mbabwira aho imitego y'umwanzi ubu igeze. Ubu umwanzi ageze ku mutego ukomeye cyane nko guteranya Abahutu. Abo i... umwanzi atabashije kwicira aho yafashe, uzi ko aho umwanzi aherereye ubu Abahutu bari kubamarira ku ..cumu, icyitwa Umuhutu cyose cyane cyane uzi gusoma no kwandika umwanzi amugeze ku buce. Ubu aho FPR hose yafashe yarabishe yabishe urubozo, ndetse tutagiye kure, uzi ko na hariya kuri hôpital FAYÇAL yahafashe... ya... yatwaye aba... Abatutsi b'aho, Abatutsi bari bari muri ibyo bitaro yarabatwaye, irangije ifata Abahutu irabarimbura.

Ariko si ibyo ngibyo gusa. Ibyo... abiticishije amasasu, FPR ikaba ifite uburyo navuga ko ari uburyo buhanitse ku bantu batareba kure bwo gutuma Abahutu b'imbere mu gihugu basubiranamo. Aha ngaha ndavugaga Abahutu bagaragaje uruhare runini cyane mu kurwanya FPR. Ati mu izo nyandiko hakumiyemo.. iki”?

Iyi ntambara ijya gutangira muri mirongo icyenda, njye kuko... njye uyu mutego nta... u... usibye

ko tuwubuze ubu ngubu, ariko watangiye muri mirongo icyenda. Ubu ngubu rero ni ho FPR yawukazemo cyane. FPR erega igira itya ikareba nko...nk'umurongo ingabo z'u Rwanda zikoreraho muri bya byuma byo gutumanaho, FPR yamara kuwucakira imaze kuwumenya neza none ikavugiramo nk'amagambo, ikavuga ati.. wenda Koloneli runaka turamushima ubutwari afite yemeye kudufasha, rwose yemeye kuzadufasha, ati.. na we ntashyigikiye ubutegetsi buhari. noneho ingabo z'u Rwanda zamara kumva bya bintu, ubwo zitareba kure zikihutira ku... kujya gushaka wa muntu FPR yavuze hanyuma ubwo ngubwo u... ugasanga habayemo ikintu cyo gusubiranamo i... cyo mu.. abo basirikare cyangwa muri abo basivile.

Icyatumye ibi bintu nje binambabaza cyane kurutaho, ni ijambo Yohani Batisita BAMWANGA ejobundi yavuze kuri Radiyo Rwanda, ni mugenzi wacu, ariko buriya umuntu aravuga akaba ya... ashobora kuba yateshukahohatoya. Yohani Batisita BAMWANGA yaravuze ati "abo FPR izajya ivuga ko ishima", ati "abo ntabwo ari abacu". Ariko yibagirwa ko uwo nguwo ari umutego wa FPR. None se FPR iramutse ivuze ati.. ubu rwose Yohani Batisita BAMWANGA turamushima twamuhaye mission azadukorera kandi yemeye kuzayidukorera. Nk'ubu bak... Inyenzi zikaba zakwihanukira zikavuga ziti BAMWANGA yatwemereye kuzadutwikira Radiyo Rwanda vuba aha ngaha. Ubwo koko, tuzavuge ngo BAMWANGA akorera Inyenzi? **11min08sec**

Nkumva ko BAMWANGA na we yagombye kumva niba atwumva neza, agashaka ukuntu azagorora ririya jambo rye ko FPR ifite imitego myinshi cyane kurutaho. Ndetse akanibuka ko FPR ishobora kuba ifite ibyitso byayo tuzi imbere mu gihugu, FPR ishobora ku... ishobora kubyamagana ikaba yavuga ati.. wenda umuntu runaka turamwamagana ahubwo muzamuhige mumwice, kandi twe tuzi ko uwo muntu akorana na FPR. Icyo gihe ntitwa... ntitwabura kumukurikirana kubera ko tuba dufite ibimenyetso.

Njye nkumva ingabo z'u Rwanda icyo zagombye kureba cyane cyane ari ibikorwa. Ese, bakareba igikorwa niba uwo muntu uvuzwe na FPR... noneho bakamureba imikorere ye, imu... umu... ndetse ubuzima bwe bwose bakamurebaho ibimenyetso bigaragaza koko ko uwo muntu ashobora kuba ari umwanzi.

Aha ndaguhereza u... ndaguhereza urugero kuri njyewe, mu minsi ishize, hashize nk'ibyumweru nka bibiri, FPR yigeze kwihanukira iravuga ..ati ngo "nous sommes en relation avec le journaliste de la deuxième ré... région".

Iyo rero bavuze deuxième région akenshi baba bavuga Gisenyi. Ubwo rero nta wundi bavugaga ni NGEZE bavugaga. Noneho ubwo icyo kintu kimaze kumva... kumaze kugaragara, ingabo z'u Rwanda koko icyo kintu zaragifashe, zimaze kugifata, bon, navuga ko hari a... batakoze isesengura neza ngo barebe uwo mutego wa FPR bamanze bibuke ko..., ni njyewe warwany... urabizi ko natangiye kurwanya Inkotanyi mbere yuko zitera, bigeza n'igihe nkatirwa imyaka makumyabiri, nzira ko navuze ngo "Abatutsi bo... b'u Buganda (Uganda) (inaudible) mu Rwanda bagiye gutera kino gihugu".

13min02sec

Nkaba numva rero ingabo z'u Rwanda zagombye..., ibyo bintu zizajya zakira zikajya zirebana ubushishozi. Uzi ko hari n'igihe Inyenzi zijya gutera ku rugamba zikaza zihamagara amazina y'abasirikare bari aho ngaho bati yewe runaka we, rwose komera komera ese, ati ese wakwiviriye aho ukaza.

None se, niba Inyenzi zabashije kumenya nk'abantu mirongo itanu bari mu bantu magana atanu ba... baje kuzirwanya zikabahamagara, ba bantu nibasubiranamo si kuri faveur ya FPR?

- Yee... ni byo koko. Ingabo z'u Rwanda se (inaudible) zizabyakira zite ? Aho zo ntizijya zigwa muri uwo mutego?

- Koko na... kuvuga ko hari ingabo z'u Rwanda na zo zijya zigwa muri uwo mutego, ibyo ni ibintu byumvikana koko. Ubundi, ubundi byo bi... iyo ibyo bintu bimaze kuvugwa, hari abantu bagiye baba victims, njye nzi nk'abantu bahunze, bahunze iki? Bahunze kubera ko atari Inyenzi, ahubwo kubera ko ingabo z'i... e... FPR yamaraga gukwirakwiza ibyo bihuha, noneho ingabo z'u Rwanda zitareba e... zitarebana ubushishozi ubwo zikihuta gushaka ba bantu na za menaces nyinshi cyane. Noneho umuntu akareba, sinshyigikiye FPR, kandi n'abo navugaga ko dufatanyije rumwe ni bo dutangiye guhigana, akaba yatoroka.

Burya no mpunzi zitoroka, hari umuntu ushobora gutoroka ..atafatanyije na FPR ariko agatoroka

kubera ko abo bavugaga rumwe ari bo bari kumuhiga. Urugero nk'ubu Valeriya, nk'ubu Inyenzi ziramutse zivuze ..ati Valeriya rwose amaze icyumweru kimwe i Butare, ariko mu cyumweru yamaze yatwijeje wenda ko azakora ibintu ibi n'ibi, ibintu ibi n'ibi, ibintu ibi n'ibi. Ugasanga noneho za ngabo z'u Rwanda zakiye bya bintu zije "kukumenasa" yaba ku manywa yaba nijoro. icyo gihe urareba, ntiwajya muri FPR kandi ntiwaguma aho ngaho uri kuba "menase", icyo gihe ureba... ukora uko ushoboye ugashaka ukuntu ushobora kuba wakiza amaga... amagara yawe.

Ni ukuvuga ko no mu ngabo z'u Rwanda ndabi... ndazi neza ko hari benshi badashyigikiye ibyo bintu, bagiye babisobanura. Ndetse kugira ngo njye nabimenye ni abo ngabo bagiye bababwira ..ati "mwe nimumanze murebe, NGEZE twatangiye ku... yatangiye kurwana iyi ntambara muri mirongo inani n'umunani kugeza ubu ngubu, ni iki atakoze mu kurwanya FPR? Ese ahubwo kwica... turamutse dufashe NGEZE tukamwica, ntitwaba dukoreye FPR igikorwa ya... yabuze? Ntitwaba dufashije FPR kwica NGEZE kandi yari yarabuze ukuntu imwica"? 15min03sec

- Ee... kuri wowe se nta bantu bazize izo messages uvuga?

- Mu by'ukuri koko usibye ko atari ngombwa kuvuga abo bantu, nnyewe maze kubona ibi bintu, maze kubikurikirana neza surtout ko nanjye bari banyize muri uwo mutego, naje gusanga hari abantu benshi batorotse ndetse barimo n'abategetsi b'iki gihugu bahisemo kwigumira hanze kubera ko FPR yavugaga ngo irashima ubutwari bwabo n'ukuntu ba... ngo... babafashije mu migambi yabo, noneho bakareba FPR ntituvuga rumwe na yo, n'abo twavuganaga rumwe na yo twafatanyaga kurwanya FPR, na bo noneho ni bo bagiye gutangira "kutumenasa", noneho bagahitamo kwigumira hanze. Abo bantu barahari singomba kubavuga kuri za antennes, ariko bazize ba bantu bumva bya bintu ntibakore za analyses, ngo ba... ngo bakore isesesngura ngo barebe ko cya kintu ashobora ari umutego w'umwanzi.

- NGEZE koko ibyo uvuga umuntu uzi kumva arumva, aratekereza agasanga ibyo uvuga koko ari byo, kuko Inyenzi turabizi twese zifite amayeri menshi cyane. Ariko se NGEZE, ibyo bintu ntaho byaba bihuriye n'abigeze gutera iwawe mu minsi ishize?

- Mu by'ukuri koko kuvuga ko ibyo bintu bifite aho bihuriye ni ibintu bigaragara. Mu minsi ishize koko naratewe igitero gikaze cyane aho nari ndi ku Gisenyi, ariko mbere yo guterwa mu minsi nk'itatu hamanje kuvugwa ibigambo byinshi cyane ngo... ngo "kwa NGEZE" ngo "bari buze kuhatera" ngo "uyu munsu nimugoroba" ngo "kwa NGEZE bari buze kuhatera", abantu

bakabitubwira ku matelefoni n'abandi bantu b'abagiraneza bakaza bakabitubwira. icyadutangazaga gusa kandi kikatubera urujijo ni uko batubwiraga ..ati ibyo bintu babibwiwe na bamwe mu basirikari! Tugerageze.. gukurikirana icyo kintu tugasanga..., umva ntitwavuga ngo turahunga abasirikari tuvuga rumwe ngo ni bo bari buze kuza..., ngo ni bo bari buze kuza kudutera. Noneho tumaze guterwa, ubwo hari hamaze... hari hamaze n'iminsi havugwa ikindi kintu cy'igihuha, donc FPR yakoze amayeri ikavuga ngo "turashima rwose ko kwa NGEZE hari Abatutsi yaduhishiye", ..ati "NGEZE afite Abatutsi yaduhishiye".

Nta kindi FPR yashakaga kugeraho kugira ngo ivuge ngo kwa NGEZE hari Abatutsi, yagiraga ..ati Abatutsi abasirikare b'u Rwanda n'abandi baturage "bikonsantre" kwa NGEZE noneho bajye... ba... bajye gutera kwa NGEZE bavugaga ngo NGEZE ahishe Abatutsi, noneho ari bo biyicira NGEZE. Nkumva rero icyo gihe koko bifitanye isano neza.

17min04sec

Icyo nasabaga abo bantu, yaba abaturage yaba... cyangwa abandi bumvishe ibyo bintu, iyo bumva koko ko turi kurwana umu... intambara imwe, bagombaga kuza kureba koko niba kwa NGEZE ibyo bihugurwa koko ari byo aho gutekereza ngo kujya gutera kwa NGEZE. None se niba bavuze kwa NGEZE mukahatera none, ejo mugatera kwa Koloneli runaka, ejobundi kwa Ministre runaka, ejobundi kwa Depite runaka, abantu bose barwanya f... FPR bagaragaje uruhare mu kurwanya FPR uzasanga ari twebwe ubwacu turimo tugenda tumarana.

Nkumva rero abo bantu banteye a... batararebye kure. Ntibarebye kure kandi ntabwo byanciye intege kuko imitego naku... i... intambara maze kurwana muri iki gihe cy'imyaka ine ni ndende cyane kandi iyo... ntabwo ari yo mitego yagombye kunca intege.

Gusa icyo nasabaga ni uko abatwumva, baba abo bantu bakira izo messages, baba abo bantu ba... batumwa n'abo bakira izo messages, baba n'ababishyira mu bikorwa, bagombye guhora bazirikana ko imitego y'umwanzi igeze ku wundi ko na bo iba ibategereje.

- Ubwo rero wandikiye inzego z'ubutegetsi ubamenyesha uwo mutego mushya w'umwanzi iriho ikoresha, warabandikiye se ubutegetsi bwakiriye bute icyo gitekerezo cyawe?

- Mu by'ukuri koko mu nzego z'ubutegetsi zakiye icyo kitekerezo... icyo gitekerezo neza maze kuzandikira, naje kubonana na Ministre w'Ingabo mu biro bye, ni mu minsi ishize, Ministre w'Ingabo usibye ko we yari asanzwe azi neza imikorere ya Kangura, ambwira ko amaze kumva ibyo bintu bitamutangaje kuko na mbere ataraba Ministre w'Ingabo yari azi ko uwo mutego FPR yakundaga kuwukoresha cyane cyane mu guharabika abayobozi ba Kangura ngo bi... bitangiye bi... muri za mirongo icyenda. Ubwo Ministre yaransobanuriye ati "noneho iki kintu nticyagombye kuguca intege", ati "ahubwo icyari... icyaba cyiza ni uko kintu ukimenya ukamenya ko icyo kintu gihari. Ubu inzego zose z'ubutegetsi ntabwo twazandikiye kugira ngo e... kibe ikibazo cya NGEZE, ahubwo twazandikiye kugira ngo umuntu wese uzongera gushyirwa mu majwi, wese uzashyirwa mu majwi muri ubwo buryo bw'izo messages ingabo z'u Rwanda zifata bivuye muri FPR, inzego z'ubutegetsi zimenye ko aba ari umutego wa FPR". None se no mu basirikare bacu nibavuga..., FPR nikora uko ishoboye ikavuga ko ikorana na Majoro runaka, ubwo bakaba barmwishe, ejo bakavuga Kapiteni, ejobundi bakavuga Liyetona, bakavuga Serija, ko ingabo z'u Rwanda zacu zishobora kuba zarasana zizize ubusa?

19min04sec

Inzego z'ubutegetsi zakiriye urwandiko neza, nta bo ndabonana na bo ku... kuva aho baruboneye ariko naje kubasobanurira ku buryo burambuye mbabwira ko na Nyakwigendera Président wa Repubulika nari narigeze kumwandikira urwandiko musobanurira ibyo bintu, na we aza kuza kubyumva neza.

Nka numva inzego z'ubutegetsi vraiment nanjye nazishimira kubera ko zakiye icyo kintu neza. Hn... icyo ntazi gusa ni uko abari batanze... ndibuka ko nari ndi hano kuri Radiyo RTLM uwitwa Georges, uriya munyamakuru avuye i Gitarama ni we waje arambwira ati "hari man... hari telegaramu bakoze kugira ngo ize kuza kumfata. Kuri iyo telegaramu mbajije barambwira ..ati... ..ati usibye no kugufata, .. ati "bavuze ko ukubona mbere akurasa".

Maze kubyumva gutyo numva birantangaje cyane, kubona inzego z'abasirikare ari zo zivuga ngo ndaswe! Kandi ari zo mvuga ko dukorana e... twakunze gukorana, twakunze kuba hamwe! Ubwo ngerageza kwegera inzego zo hejuru za gisirikare, zimbwira ko nk'uwo muntu washoboraga ku...

kurasa yari kuba aguye mu mutego w'umwanzi, kuko nyuma yo gupfa kwanjye yari guhita a... abona nta bimenyetso bigaragaza byo gukorera umwanzi bihari, agasanga ahubwo na we ejo ari we uzankurikira na we muri ubwo buryo.

Aha nkaba nanashimira Georges rwose wabashije kubona ko iyo mandat d'amener yanshakaga, ko yabimenyeye i Gitarama ahita abimbwira, ubwo bari barazi... bari bazikwirakwije mu bigo byose by'i... bya gisirikare ariko ndakeka ko ikibazo ubu ngubu cyamaze gusobanuka, ahubwo nkaba ngusaba nawe buri gihe kujya usobanura kuri micro ko iyo mitego bagomba kuyirinda kugira ngo hatazagira abantu benshi bazagenda bayigwamo.

- **Koko NGEZE Hasani ntabwo wibeshya, iyo mitego koko irahari najye aho nari ndi i Butare narayihasanze. Ni byo na byo nari nzi neza ko ndi bubigarukeho ariko igihe nikitubana gito nzakigarukaho n'ejo, ariko n'ibi tuvuze nifite... bifitiye Abanyarwanda akamaro.** 21min01sec

Ntabwo ariko twarangiza nta...kubajije kuri iyi point, kuri iyi ngingo twariho tuvugaho, ntabwo narangiza ntakubajije uko e... wabona noneho Abahutu bakora kugira ngo birinde uwo mutego, iyo mitego mishya ya FPR.

- Yee... icyo njywe numva Abahutu bagombye gukora, bagombye kumva ko umwanzi wabateye yasanze adashobora kubashobora atabacyiyemo ibice. Umwanzi afite uburyo bwinshi:

- Azakoresha inzira nyinshi.
- Azakoresha amafaranga.
- Azakoresha ibishuko.
- Azakoresha abagore.
- Azakoresha imitego myinshi ituma bashobora kuba basubiranamo kugira ngo abashobore.

Uzi ko aho umwanzi anyuze yica Abahutu, aho umwanzi anyuze yica Abahutu. Noneho niba aho anyuze yica Abahutu ni ukuvuga ko aho ataragera agomba gukora ibishoboka byose akoresheje ibihuha, akoresheje iki, noneho akaba yarimbura abo Bahutu.

Ndavuga ngo, aha ngaha bikaba ari ikibazo cyagombye kugenda kure, umuntu akaba yibaza, ko bariya banyabwenge bo muri FPR bakwirakwiza ibihuha hirya no hino ku maradiyo mpuzamahanga, nta maradiyo batavugiraho, nta binyamakuru batavugiraho bagakoresha n'ibiganiro mbwirwaruhame. Ibyo byose ari ibyo guca Abahutu mo kabiri cyangwa kubaca intege, ibyo ujya ubyumva no ku maradiyo mpuzamahanga. Abanyabwenge b'Abahutu bacu baba ahagana he?

Aha umuntu akaba ya... yatonekaho gatoya akibaza ati ko twari dufite abanyabwenge b'Abahutu bagombaga kujya mu Nzego z'Inzibacyuho, bagomba kujya muri za Guverinoma, bagomba kujya mu nema... mu Nama nshingamategeko, donc CND yari irimo FPR yaguye, ba banyabwenge bacu ko batagaragara? Ko tutabumva mu mashyaka yabo bavuga, ntitubumve ku maradiyo, ba banyabwenge babonye ko twatsinzwe? Ese ni bo batsinzwe bonyine? Ese bategereje kuzaza iyi ntambara tumaze kuyitsinda baje guhabwa ya myanya?

22min08sec

Njye nkaba numva rero niba barahunze cyangwa niba baracecetse abo bakihishe, amashyaka bakomokamo yari kuzabashyira muri Guverinoma, niba abo bantu batagaragaye ngo baze batange ibitekerezo byabo, ari bo bahumura rubanda kuri iyo mitego ya FPR kuko umuturage ntazimenyera iyo mitego ya FPR, umuturage ategereje ko abo banyabwenge ari bo bazatahura ya mitego ya FPR noneho ab... bakabasobanurira uko bimeze. Abo banyabwenge rero nkumva ko amashyaka yabo ata... aho gu... ni bo bagombye kwamaganwa. Kuki mbere bavugaga? Bakimara kumva ko bazaba ba Ministres cyangwa Abadepite kuki bavugaga? Ubu se baratsinzwe? Nibadusobanurire kuko ingero zitabuze.

23min04sec

Nkaba numva ko abaturage rero bakomeza... bagomba gukomeza kuba maso, akareba ko umwanzi aho ashaka kumuteranya na mugenzi we baturanye, basangira, batementerana. Nk'umuntu uvuga ati "NGEZE arakorana na FPR", yamanje kureba NGEZE, yamumenye kuva ryari?

Njyewe unzi mu kinyamakuru cya Kangura mbere na mbere? Ikinyamakuru cyakanguye Abahutu

ku buryo bwose bushoboka, ibyo nta wutabizi. Inyenzi zi... Inyenzi zirakirwanya kubera ko na cyo cyarwanyije izo Nyenzi. Uzi ko twakoze intambara ndende ku Batutsi tukagera n'i Burundi tugasobanurira Abahutu b'i Burundi ko bagomba kwigoma... kwigobotora buriya butegezi bwa gatutsi, ibyo twabigezeho urabizi.

Ndi umwe mu bashinze ishyaka CDR, nkaba ndi Umujyanama mu biro bikuru by'ishyaka CDR, imikorere yanjye irazwi. Ubwo koko nk'uwo muntu wakiriye iyo message agahita "ayaplika" tamanje kureba nibura igikorwa kimwe gusa NGEZE ashobora gufashamo FPR, nk'uwo muntu ahubwo ugasanga ari we uba uguye mu mutego w'Inyenzi. Ahubwo ni we muntu ukorera FPR kurusha abandi ba... bantu bose bashobora kuba babaho.

Nkaba njyewe numva ibi bitekerezo, ibi bitekerezo bihagije usibye ko wowe uhora kuri micro wahora "ubisansibiliza" buri gihe kubera ko uyu mutego ushobora gutuma abasirikare bacu basubiranamo, abaturage bagasubiranamo, n'ubwizere buke twari tu... ubwi... ubwizere twateganyaga bwari hagati y'abasirikare cyangwa abandi bantu barwanya Inkotanyi bukaba bwabura, ugasanga umwanzi adu... adutsinze kubera ko dutangiye gusubiranamo.

24min08sec

Niba ejo bavuze NGEZE, NGEZE usanzwe uzi wowe, ubwo se undi batazavuga ni nde? Niba NGEZE ba... bamwishe ngo yakoranaga n'umwanzi, ejo bazica wowe Valeriya, bafate Kantano, bafate GAHIGI, bafate BAMWANGA, ba... nta we batazafata. N'abo basirikare bo ubwabo basubiranemo! Ndazi ko icyo kibazo gihari.

25min00sec

Abo bakira izo messages n'abo bazitanga, n'abo ba... bakora ba... e... ubwo butumwa byihutirwa bagombye gutekereza icyo kintu. None se nk'ubu iyo nza kuba narapfuye umunsi naterwaga, iyo nza kuba narapfuye koko, ubwo urumva muba mutabona ko uwo muntu wanyishe yaguye muri uwo mutego w'umwanzi?

- Ni byo koko NGEZE Hasani ibyo byaragaragaye, ndetse bi... tutanagiye kure urugero ruri hafi, twabirebera ku rupfu rwa Nyakwigendera BUCYANA Maritini wahoze ari Président w'ishyaka rya CDR, ubu abari muri prison nta bandi ni Abahutu ni bo

bashutswe n'Abatutsi, Abatutsi bakora ya mayeri baja imbere bariruka bati "uwishe Nyakwigendera ee... GATABAZI Felisiyani yabonetse", ariko bari kwiruka inyuma y'imodoka ya Bwana BUCYANA, Abahutu biruka buhumyi bayirukaho barayifata Abatutsi basubira inyuma Abahutu bakora ibara. Ubu ni bo bari mu munyururu, ubu hari n'abandi bashakishwa, bibwiye ngo ko batanga za champagnes ngo ntibafatwe, hari ma... telegaramu ubona ko agenda ahishu...ahishwa, ayo yoherezwa kugira ngo ngo barindwe, ariko ugasanga ko bigenda byigaragaza. None se NGEZE wowe iyo urebye ubona ingabo z'u Rwanda zibyakira kimwe?

- Ingabo z'u Rwanda icyo kibazo ntabwo zicyakira kimwe kuko inyinshi, ndavuga bariya bantu bo hejuru, naguhaye urugero ko shefu... na... nakiwe na Ministre w'Ubutegetsi... na... na Ministre w'Ingabo akansobanurira ko icyo kibazo we akizi cyane kurutaho. Na... naje no kwakirwa na Diregiteri de cabinet, Koloneli BAGOSORA, na we ansobanurira ko icyo kibazo akizi neza ko FPR a... ifite umutego muremure cyane.

Ubwo du... twagize amahirwe ingabo zo hejuru zikaba zizi uwo mutego wa FPR, twizere ko n'abasirikare bo hasi bazabimenya ntihagire umuntu uzongera kuba victime, uzongera kuzira ayo macakubiri ya FPR.

26min07sec

Utanze urugero rwiza kuri kiriya kintu cyabaye kuri... kuri.ii... BUCYANA Maritini, usibye no kuri BUCYANA Maritini, wibuke aba... abahu... abasirikare bafungwaga ubushize, wasangaga muri gereza mu bantu igihumbi barimo magana inani ari abasirikare, burya wabaga ari umutego wa FPR. Nko gufunga abasirikare magana inani, abasirikari magana inani ukabafunga muri gereza mu gihe cy'intambara, burya ni uguha umwanzi ingufu.

Niyo ushoye abasirikaye mu kujya gukora ibikorwa by'ubusahuzi, muri pillage, burya ni umutego wa FPR. FPR ishobora gukora uko ishoboye igatega, igate n'Umwofisiye ikamugurira ibyo ishaka byose cyangwa ikamukorerasha wa Mwofisiye abizi cyangwa atabizi, akaba yakoshya abasirikare be kujya kwiba, kujya gukora pillage. Iyo abasirikare bagiye gukora pillage ntiba... ntibaba bakirwanye kubera ko batekereza ibintu byabo basize mu mazu, basize ahantu runaka, noneho akavuga ati aho kugira ngo njye kurwana nsige bya bintu ahubwo ndasubira inyuma njye

kurinda bya bintu byanjye. Ni ukuvuga ko burya umusirikare wakoze pillage na we aba ari umugome mu bandi bagome. Ariko il faut kureba uwamwoheje rero burya ni we mugome kurusha abandi bose bashobora kuba babaho.

27min06sec

Njye nkaba numva rero i... uyu mutego rwose ubwo ingabo z'u Rwanda zibizi, nakubwiye ko Ministre abizi, Diregiteri de cabinet arabizi, twanagize n'amahirwe tubona Chef d'Etat-major wumva ibibazo wage... wabaye kuri terrain ku buryo buhagije, uzi ibintu byose, uriya Général bi... e... Général de... de Brigade, Général-major BIZIMUNGU rwose ni umuntu uzi ikibazo cyose cyabaye muri kino gihugu.

Nkaba numva ibyo bintu..., wenda bizagaruka simbizi, ariko nka.aa... ntitwarangiza iyi ngingo tutavuze ko BAMWANGA yagombye kuzashaka umwanya wirirwa kuri Radiyo, akavuga ko yibeshye, kuko nakomeza kuvuga ko e... abo FPR ishima aba ari abayo tugomba kubavanaho amaboko, ejo FPR izavuga ko imu... ko imushima, kandi ndabizi ko BAMWANGA na we arwanyana Inyenzi, none FPR nivuga ko imushima na we baze bamwice. **28min05sec**

Nakubwiye ko hari hatanzwe telegaramu mu Rwanda hose ko umbona andasa. Ariko se iyo nda... ndamuka mfuye, si umutego wa FPR? Sinari kuba niyiciwe se na bene wacu? Nakubwiye ko maze gufungwa incuro makumyabiri muri gereza na mirongo itatu n'eshanu muri burigade, nta Mututsi wigeze umfunga nta n'Umututsi wamfashe, ni Abahutu bene wacu bamfataga.

28min07sec

Uribuka ko niyo BUYOYA yashakaga kuza mu Rwanda ni Abahutu bene wacu bafataga bakabashyira muri gereza. Abo bose ni aba... ni Abahutu babaga baguye mu mutego wa FPR.

Nkumva mu rwego rw'itangazamakuru, twebwe imitego twahuye na yo ni myinshi cyane. Iyo ntiyagombye kuduca intege, ahubwo twagombye gukomeza "gusansibiliza" rubanda n'abo bategetsi "tubasansibiliza" tubabwira ko iyo yose ari imitego ya FPR. Hazaza ndetse n'indi ndetse n'iyi ngiyo ya za messages iri ku bundi buryo.

- Ni byo koko NGEZE. Ibitekerezo utugejejeho ni byinshi kuri icyo kibazo e... cy'amayeri y'Inyenzi-Inkotanyi. Ni byo na kare nahoze mbabwira ko nyine mayeri y'Inyenzi-Inkotanyi ari menshi cyane, ko tugomba kuyitondera. Ariko ko twagize amahirwe tukaba turi kumwe n'uyu munyamakuru w'u... Umuyobozi w'ikinyamakuru Kangura, NGEZE Hasani, hari ibindi na none twibazaho cyane byerekeranye n'iyi Guverinoma yashyizweho, ndetse na Nyakubahwa Président wa Repbulika. Ngo bashyizweho hakurikije... hakurikijwe inte... Itegeko Nshinga ry'igihugu cyanyu... cyacu, cyane cyane mu ngingo yayo ya mirongo ine na kabiri. Ubwo kandi muri iryo Tegeko e... Nshinga hakaba hanateganyijwe ko ari ibyegere... uko ee... Président usimbura u...takiriho...

29min09sec

Fin de la FACE B.